Tariki: 20 Werurwe 2020

Ku: Babyeyi n'abarezi

Bivuye: Deputy Minister George Daley

Impamvu: Gufunga amashuli

Babyeyi namwe barezi,

Amashuli ya New Brunswick K-12 arafunzwe kugeza igihe hazasohokera irindi tangazo. Nk'uko byatangajwe na Dr Jennifer Russell, umukuru w'abaganga, "COVID-19 ni icyorezo kandi New Brunswick ntabwo ifite ubudahangarwa". Icyi cyemezo cyo gufunga kizongera kwigwaho mu cyumweru cya mbere cy'ukwezi kwa Kane (4) bifatanyije n'inzego z'ubuzima.

Abayobozi bi bigo by'amashuli yacu bakomeje gukora ubutaruhuka bagerageza kurinda abanyeshuli n'abakozi no gutanga ubufasha mu kwita ku bana b'abakozi b'ibanze; Ndabashimiye.

Turabizi ko ababyeyi n'abanyeshuli bibaza ibibazo byinshi bijyanye no gukomeza kwiga ndetse no kurangiza ibyiciro by'amashuri. Mu byumweru biri imbere, inzego za anglophone na francophone za EECD, ku bufatanye n'amashuli, uturere, n'amashyirahamwe y'umwuga bazigira hamwe uburyo bwo kwiga no gusubiza ibibazo by'ingenzi.

Ababyeyi n'abanyeshuli ntibakwitega ishyirwaho ry'uburyo bwo kwigira mu rugo mbere y'ukwezi kwa kane (4) bibaye byihuse. Muri iki cyumweru kiza, turashishikariza ababyeyi n'abanyeshuli kwita ku buzima bwabo. Ubushobozi buri gukusanywa kugirango buzasangizwe mu cyumweru gitaha mu gufasha kubayobora no gushyigikira imbaraga zanyu.

Turabasaba ko mwabera urugero imiryango yanyu mukurikiza amabwiriza aturuka mu nzego z'ubuzima.

Twese dufite uruhare mu guhagarika iki cyorezo.

Murakoze,

George Daley

Sé

Deputy Minister